

**ITANGAZO RISOZA INAMA ISANZWE Y'ABEPISKUPI YATERANIYE I KIGALI KUVA KU
WA 5 NZERI KUGEZA KU WA 8 NZERI 2017**

Inama isanzwe y'abepiskopi gatolika mu Rwanda yateraniye i Kigali kuva tariki 5 kugeza tariki 8 Nzeri 2017, iyobowe na Musenyeri Filipo RUKAMBA, Umushumba wa Diyosezi ya Butare akaba na Perezida w'inama y'Abepiskopi gatolika mu Rwanda.

Ku murongo w'ibygwa hari : Ugusuzuma raporo z'imikoreshereze y'umutungo muri serivisi z'inama y'Abepiskopi n'iza seminari zihuriweho na diyosezi zose mu mwaka ushize wa 2016-2017 ; Kwemeza ingengo z'imari z'umwaka utaha wa 2017-2018; Gutegura ibaruwa irimo ubutumwa bugenewe abakristu bose mu gusozza Yubile y'Imyaka ijana y'ubusaseridoti mu Rwanda n'izindi ngingo zitandukanye zirebana n'iyogezabutumwa.

Atangiza iyi nama, Musenyeri Filipo RUKAMBA yahaye ikaze kandi ashimira Intumwa ya Papa mu Rwanda, Musenyeri Andrzej Józwowicz, wari witabiriye iyo nama ku nshuro ye ya mbere. Yakomereje ku bikorwa by'ingenzi byaranze Kiliziya mu Rwanda mu minsi ishize birimo urugendo nyobokamana rw'abapadiri ku mva ya Baritazari GAFUKU i Mugombwa ku wa 23 Kamena 2017, ndetse n'itangwa ry'ubupadiri ku badiyakoni mirongo itandatu na batatu (63) ku itariki ya 22 Nyakanga 2017. Ibyo byose bikaba byarabaye mu rwego rwo kwizihiza Yubile y'imyaka 100 y'ubusaseridoti mu Rwanda. Yashimangiye kandi ko abakristu gatolika bakomeje urugendo rubaganisha ku birori bya Yubile biteganyijwe ku wa 7 Ukwakira 2017 i Kabgayi.

Mu ijamba rye, Musenyeri Andrzej Józwowicz, intumwa ya Papa mu Rwanda yavuze ko yishimiye ubutumire. Yibukije amwe mu mabwiriza arebana n'imikoranire y'inzege za Kiliziya hagamijwe ubwuzuzanye. Yanagarutse ku ngingo zirebana n'iyogezabutumwa muri rusange, ashimangira cyane cyane iry'urubiruko n'umuryango, rigomba kwitabwaho ku buryo bwihariye kuko ari ndasimburwa mu rwego rwo kubaka Kiliziya y'ejo hazaza. Ibyo bikaba bijyana no gukaza umurego mu kurera abaseminarari ari bo bogezabutumwa b'ejo. Yibukije abepiskopi ko papa Fransisiko ashishikajwe cyane no kubona ko Kiliziya yaba uburuhukiro bw'abafite intimba, ikita ku mbabare no ku bafite ibibazo. Musenyeri Andrzej Józwowicz yasoje ijamba rye ashimira abepiskopi bo mu Rwanda ubutumwa Kiliziya gatolika irimo gusohozwa mu Rwanda, kandi abifuriza kuzagira inama nziza.

Nyuma yo guhana amakuru kuri za diyosezi zose, abepiskopi bakomeje batega amatwi raporo za serivisi na komisiyo zitandukanye z'inama y'abepiskopi: Ubunyamabanga bukuru, urwego rushinzwe uburezi gatolika, urushinzwe imyigishirize ya gatigisimu, urushinzwe ibikorwa bya papa; Urukiko rwa Kiliziya, Kinyamateka; Komisiyo y'ubutabera n'amahoro, iy'urubiruko, iy'umuryango n'iy'abalayiki. icyagaragaye ni uko umwaka ushize wagenze neza kandi hakaba hari na gahunda ihamye irebana n'umwaka utaha. Komisiyo kandi zashishikarijwe gushaka uburyo bwo kwihaza, kubera ko inkunga ziterwa rimwe na rimwe zitaboneka cyangwa zikaza zitinze, ibi bikadindiza imikorere yazo.

Nyuma y'aho, Abepiskopi bateze amatwi raporo za seminari nkuru zihuriweho na diyosezi ndetse bemeza ingengo z'imari z'umwaka utaha. Bishimiye ko ibikorwa byose byagenze neza kandi ko n'ingengo y'imari yateguwe neza. Abepiskopi basanze hagomba no gutekerezwa uko inzu zishaje za za seminari

zatangira kuvugururwa bihereye ku iseminari ya Rutongo. Hazabaho gusaba inkunga abagiraneza n'igikorwa kizahurirwaho n'abasaseridoti bose kigamije gufasha iyo seminari muri uyu mwaka w'Ubusaseridoti.

Muri iyi nama, abepiskopi banogeje gahunda yo kwizihiza Yubile y'ubusaseridoti mu Rwanda izabera i Kabgayi ku wa 7 Ukwakira 2017. Bagennye uko liturujya y'uwo munsu izaba iteye, ndetse n'ibirori bizayikurikira. Bifuje ko gahunda z'uwo munsu zaba ngufi kugira ngo bifashe abajya kure kugerayo kare. Abepiskopi kandi bateguye ubutumwa buzasomerwa abakristu muri iyi minsi dusoze Yubile y'imyaka ijana y'ubusaseridoti. Ubwo butumwa buzasomwa mu byumweru bibiri bibanziriza uwo munsu mukuru wo ku wa 7 Ukwakira, ni ukuvuga ku cyumweru tariki ya 24 Nzeri 2017 no ku itariki ya 1 Ukwakira 2017.

Abepiskopi bongeye gusuzuma ibijyanye no gushyira abasaseridoti mu mirimo ihuriweho na za diyosezi zose cyane cyane za seminari nkuru. Barebeye hamwe ahaburagamo abantu, babashyiramo babaha n'inshingano.

Abepiskopi basuzumye ikibazo cy'ubwishingizi bw'indwara ku bapadiri. Bamaze kugirana ibiganiro n'abahagarariye amasosiyete y'ubwishingizi SAHAM na EMI bakumva uko bimeze, bemeje ko bagiye gukomeza kubitekerezaho. Banasuzumye aho umushinga w'imikoranire na Leta mu rwego rw'uburezi ugeze maze baha inshingano komisiyo ibishinzwe.

Abepiskopi bibukiraniye ingingo zirebana n'iyimurwa ry'Umunsu mukuru w'Abatagatifu bose bakurikije ibyo basabye kandi bemerewe n'ibiro bibishinzwe i Roma. Hemejwe ko kwizihiza uwo munsu mukuru w'Abatagatifu bose bizajya bikorwa ku itariki ya 1 Ugushyingo igihe iyo tariki yahuriranye no ku cyumweru; naho mu gihe itariki ya 1 Ugushyingo ibaye mu minsi y'imibiyizi, uyu munsu mukuru uzajya wimurirwa ku cyumweru cya mbere cy'Ugushyingo. Umunsu wo kwibuka abakristu bitabye Imana wo ntuzajya uhinduka; uzajya wizihizwa ku itariki ya 2 Ugushyingo, keretse iyo tariki wagenewe ihuriranye n'icyumweru cya mbere cy'Ugushyingo. Muri icyo gihe, uzimurirwa ku wa mbere ukurikira icyo cyumweru. Ni ukuvuga rero ko uyu mwaka Umunsu mukuru w'Abatagatifu bose uzimurirwa ku cyumweru cya mbere cy'Ugushyingo, hazaba ari tariki ya 5/11/2017.

Abepiskopi basuzumye aho imirimo y'ikirango gishya kijyanye na kashe nshya igeze basaba urwego rurimo kubitunganya kwihutisha imirimo ku buryo byatangira gukoreshwa mu gihe kidatinze.

Abepiskopi biyemeje gukomeza kunoza neza inyandiko irebana n'amabwiriza rusange y'iyogezabutumwa "Tugendere hamwe" basaba ko ibice byarangiye byagezwa ku basaseridoti bagatangira kubishyira mu bikorwa.

Inama yarangiye ku wa gatanu tariki ya 8 Nzeri 2017 i saa saba n'igice.

Padiri Hodari Jean de Dieu,
Umunyamabanga w'Inama y'Abepiskopi
Gatolika mu Rwanda



+ Filipo RUKAMBA
Umwepiskopi wa Butare,
akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

